

**Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of
Ex-Combatants and Other People with Disabilities**
**Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze
ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo**



**Start on the skills training in 2012 !
~Training Opportunity for the Deaf~
Itangira ry'amahurwa muri 2012 !**

~Amahirwe yo guhugurwa ku bafite ubumuga bwo kutumva~

325 ex-combatants and other people with disabilities (ECOPD) are participating in the skills training from April and May, 2012 at 4 training centers. We implemented the same process for screening of training as last year's one. Training announcement was done by many organizations like RDRC, National Council of Person with Disabilities (NCPD), National Union of Disabilities Organization Rwanda (NUDOR) and so on. Thanks to them, people with various disabilities participated in the training in 2012. For example, last year, one Deaf trainee only participated in the training, but, this year, 10 Deaf are participating. This output result in collaboration works between ECOPD Project and Rwanda National Union of the Deaf (RNUD). The collaboration works is to dispatch sign language translators to training center. In last year, some deaf people and organization concerned requested us how the Deaf can participate in the training. Actually, it is big challenge for training centers to prepare the sign language interpreter due to the lack of human resource and budget. The interpreters who have good skills are 4 persons only in Rwanda. But, in the result of good coordination of RNUD, we are success to dispatch the interpreters to Vocational Training Center Nyanza (VTC Nyanza).

Abasezerewe mu ngabo n'abandi bantu bafite ubumuga 325 barahugurirwa mu bigo 4 byigisha imyuga guhera muri Mata na Gicurasi 2012. Twakoresheje uburyo bwo kubatoranya busa nk'ubwakoreshejwe umwaka ushize. Amatangazo yerekeranye n'ayo mahuguwa yatanze n'imiryango myinshi nka RDRC, Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga (NCPD), Ishyirahamwe ry'Imiryango yita ku bafite ubumuga mu Rwanda (NUDOR) n'iyindi. Biturutse kuri icyo miryango, hahuguwe abantu bafite ubumuga bunyuranye muri 2012. Urugero : umwaka ushize, umuntu umwe ufite ubumuga bwo kutumva yarahuguwe, ariko muri uyu mwaka, abafite ubumuga bwo kutumva 10 barimo barahugurwa. Uyu musaruro uturuka ku bufatanye buri hagati y'Umushinga ECOPD n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abafite ubumuga bwo kutumva. Ubwo bufatanye bugaragarira mu kohereza abasemuzi b'ururimi rwa'amarenga mu kigo cy'amahugurwa. Umwaka ushize, bamwe mu bantu bafite ubumuga bwo kutumva n'imiryango imwe ibishinzwe batubajije uko abo bantu bahugurwa. Muri iki gihe, ibigo byigisha imyuga bihura n'inzitizi ikomeye yo kudashyiraho umusemuzi w'ururimi rw'amarenga kubera kubura umukozi n'amafaranga yo kumuhamba. Mu Rwanda, abasemuzi b'ururimi rw'amarenga babizi neza ni abantu 4 gusa. Ariko, bitewe n'imiyoborere myiza ya RNUD, twashoboye kohereza abasemuzi b'ururimi rw'amarenga mu Kigo cyigisha imyuga cya Nyanza (VTC Nyanza).

Volunteer of VSO (Volunteer Service Overseas) supported for sign language interpretation in the screening of training.
Umukorerabushake wa VSO yasemuye ururimi rw'amarenga mu gihe cy'ijonjora ry'abanyeshuri



Let's communicate with sign language !
~Sing language lesson in the skills training centers~
Tuvugane dukoresheje ururimi rw' amarenga
~Isomo ry' ururimi rw' amarenga mu bigo byigisha imyuga~

After the skills training was started, ECOPE Project in collaboration with RNUD and Butare St. Gabriel School for the Deaf conducted the lesson to learn how to use and communicate by sign language in 3 VTCs because the 3 VTCs are training the deaf trainees. Firstly, the deaf trainees needed to learn sign language because 7 of 10 deaf trainees didn't know sign language and have literacy problem because the 7 deaf trainees couldn't get opportunity of school education. They learned sign language step by step with the sign language instructors of RNUD. The sign language instructors also are the Deaf.


Nyuma yo gutangira amahugurwa y'imyuga, Umushinga ECOPE ufatanyije na RNUD hamwe n'ishuri ry'Abatumva ryitiriwe Mutagatifu Gaburiyeli riri i Butare batanze isomo ryo kuvugana hakoreshejwe ururimi rw'amarenga mu bigo 3 byigisha imyuga bitewe n'uko ibyo bigo byigisha abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva. Mbere na mbere, abo banyeshuri bakeneye kwiga ururimi rw'amarenga kuko barindwi ku icumi muri bo batazi urwo rurimi kandi ntibazi gusoma no kwandika bitewe n'uko batagize amahirwe yo kujya mu ishuri. Bigishijwe ururimi rw'amarenga buhoro buhoro n'abarimu ba RNUD. Abo barimu b'ururimi rw'amarenga na bo bafite ubumuga bwo kutumva.



Half day Sign language lessons for trainers and other classmate also were conducted in the skills training centers. Of course, half day isn't enough to learn sign language well but this lessons are first step to open mind about sign language and the deaf classmate. The relation between the Deaf and the non-Deaf get better now.

Mu gihe cy'igice cy'umunsi, amasomo ku rurimi rw'amarenga yahawe abarimu n'abandi banyeshuri mu bigo byigisha imyuga. Birumvikana ko igice cy'umunsi kidahagije kugirango wige ururimi rw'amarenga neza, ariko ayo masomo ni intambwe ya mbere yo kumenya urwo rurimi n'abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva. Ubu, isano iri hagati y'ufite ubumuga bwo kutumva n'utabufite irazwi.

Instructor of RNUD (Left).
 The poster of right photo is "Finger Alphabet".
 Umwarimu wa RNUD (Ibumoso)
 Ibishushanyo biri ku ifoto iri iburyo ni "Inyuguti berekanisha Intoki"



Let's try to use sign language !
 Trainees use sign language first time and they are interested very well.
 Tugerageze gukoresha ururimi rw'amarenga !
 Abanyeshuri barakoresheje ururimi rw'amarenga bwa mbere kandi birabashimisha cyane.



Carpentry trainer, deaf trainee and RNUD staff discuss on communication method. Umwarimu w'ububaji, umunyeshuri utumva n'umukozi wa RNUD barajya impaka ku buryo bwo kuvugana.



Principal and deaf teacher of Butare St. Gabriel School for the Deaf advised on communication to the trainers of training center. Umuyobozi n'Umwarimu ufite ubumuga bwo kutumva bo mu Ishuri rya Mutagatifu Gaburiyeli baragira inama abarimu bo mu kigo cyigisha imyuga ku buryo bwo kuvugana n'abafite ubumuga bwo kutumva.

The dispatch of sign language interpreters gave good impact to the training centers more than expected. ECOPD Project could contribute to increase the understanding of the Deaf and promote their social participation. The skills training centers staff also changed their mind and support the deaf trainees positively.

On the other hand, it is still challenge for the training centers to provide good quality communication for the Deaf by themselves because the few interpreter resource and budget. We have to continue to make our effort to promote "Full Participation and Equality" for the Deaf.

Kohereza abasemuzi b'ururimi rw'amarenga byahaye umusaruro mwiza ibigo byigisha imyuga urenze uwari uteganyijwe . Umushinga ECOPD wagize uruhare mu gutuma abafite ubumuga bwo kutumva barushaho kumvwa no mu kongera uruhare rwabo mu iterambere. Abakozi bo mu bigo byigisha imyuga na bo bahinduye imyumvire kandi bafasha neza abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva.

Ku rundi ruhande, haracyariho imbogamizi ku bigo byigisha imyuga yo kubasha kuvugana neza n'abo batumva kubera ko abasemuzi b'ururimi rw'amarenga ari bakeya n'amafaranga yo kubahemba akabura. Tugomba gukomeza gukora uko dushoboye kugirango dutenze imbere "Uruhare mu iterambere n'Uburenganzira nk'ubw'abandi" ku bafite ubumuga bwo kutumva.

Tip Ishusho

Right picture's sign language signify "RWANDA" in Rwanda sign language.


Can you remember some animal? Yes! It's Gorilla!

This picture show the action of beat a breast. Gorilla is very famous for tourist and like a symbol of Rwanda.

Ishusho y'ururimi rw'amarenga iri iburyo isobanura "RWANDA" mu rurimi rw'amarenga rwo mu Rwanda.

Ushobora kwibuka imwe mu nyamaswa ? Yego! Ni ingagi!

Iyi shusho irekana igikorwa cyo gukubita mu gituza. Ingagi ni inyamaswa izwi cyane na ba mukerarugendo nk'ikimenyetso cy'u Rwanda .



Introduction of ECOPD Project Staff Umukozi w'Umushinga ECOPD

The one of important activity of ECOP Project is to make a questionnaire for the trainees to know how to change the life of trainees and feedback on the training. These data become big volume because the total numbers of trainees are more than 650 in one year. Therefore, the Project sometimes employs the temporary staff to input the data. In this time, we employed Mr. BIZIMAMA Jean Damascène as the temporary staff in one month. He is the member of RNUD and the Deaf. He communicated the Project staff by sign language and writing. Firstly, all project staff could hardly communicate by sign language but now, the staff can communicate gradually. Let's ask Damascene about his job experience in ECOPD Project.

Kimwe mu bikorwa by'ingenzi by'umushinga ECOPD ni ukubaza abanyeshuri uko ubuzima bwabo bwahindutse n'uko babonye amahugurwa. Ibisubizo byabaye byinshi kuko umubare wose w'abanyeshuri urenga 650 mu mwaka umwe. Bityo rero, umushinga ukoresha rimwe na rimwe umukozi w'igihe gito kugirango abyandike mu mashini. Muri iki gihe, twakoresheje Bwana BIZIMAMA Jean Damascène nk'umukozi udahoraho mu gihe cy'ukwezi. Ni umunyamuryango wa RNUD akaba afite n'ubumuga bwo kutumva. Yavuganaga n'abakozi b'umushinga hakoreshejwe ururimi rw'amarenga no kwandika. Ubwa mbere, abakozi bose bavuganaga bigoranye bakoresheje ururimi rw'amarenga ariko ubu, bashobora kuganira na we buhoro buhoro . Tubaze Damascene ibijyanye n'akazi yakoze mu Mushinga ECOPD.

1. How did you feel on the job environment of ECOPD Project?

Wumvise umerewe ute mu kazi k'Umushinga ECOPD?

My feeling was very well to communicate with ECOPD Project staff. I was so happy because they didn't leave me alone. They tried to communicate with me by sign language and writing. Numvise ari byiza cyane kuganira n'abakozi b'Umushinga ECOPD. Narishimye cyane kuko batantereranye. Bageragezaga kuvugana na nje bakoresheje ururimi rw'amarenga n'inyandiko .



2. In general, please describe your recommendation to improve the job environment for the Deaf?

Muri rusange, tanga ibyifuzo byatuma akazi karushaho kugenda neza ku muntu utumva

Firstly, I agree to give any opportunity for the Deaf as first step to increase the quality of their life. I would like to ask ECOPD Project to continue the skills training for Deaf in all area of Rwanda. This opportunity is very important for the Deaf because most of them didn't get the opportunity of education.

Mbere na mbere, nemera ko abantu batumva bahabwa amahirwe kugirango imibereho yabo itere imbere. Nasabaga Umushinga ECOPD gukomeza guha amahugurwa y'imyuga abatumva bari mu Rwanda. Ayo mahirwe ni ingenzi cyane ku bantu bafite ubumuga bwo kutumva kuko abenshi muri bo batabonye amahirwe yo kwiga.

VOICE of Volunteers IJWI ry'abakorera bushake

- Message from JOCV - - Ubutumwa bwa JOCV -

Vol. 7: Ms. Chizu MURATA, Support of youth activities at St. Gabriel

School for the Deaf, Huye District / Afasha imirimo urubiruko rutumva rwo mu ishuri rya Mutagatifu Gaburiyeli, Akarere ka Huye


I'm Murata and volunteer for the school for the Deaf at Butare, South province. I am supporting the teachers to develop the cultivation of aesthetic sensitivity like a creative activity and exercise.

In my school, the first common language is "Sign Language" instead of Kinyarwanda. 160 students communicate by sign language actively every day. In the middle of March, I with my students and teachers participate in 5 days sign language lesson which was conducted by RNUD. We learned correct Rwandan sign language and recognized the pleasure of communication by sign language with using the whole body and space.

In May, I visited VTC Rwabuye and met one deaf trainees of ECOPD Project. After that, the principal and deaf teacher of St. Gabriel School lectured on the deaf culture and sign language to all trainees of ECOPD Project. I felt a sense of unity developed among of the trainees through sign language. It is important to make a relationship not only among of the Deaf but also between the Deaf and non-Deaf to increase the understanding of the Deaf. I hope my deaf students will enjoy their life and work in the understanding society in future.

Shall we start to communicate by sign language?

Murata and deaf students are enjoying the game which is created by her.
Murata n'abanyeshuri batumva bishimiye umukino yahimbye.



Ndi Murata umukorerabushake wo mu ishuri ry'abatumva ry'i Butare, Intara y'Amajyepfo. Mfasha abarimu guteza imbere umurimo n'umwitozo wo guhanga ibintu byiza.

Mu ishuri ryanjye, ururimi rusange rukoreshwa ni "Ururimi rw'amarenga" aho kuba ikinyarwanda. Abanyeshuri 160 bavugaga bakoresheje ururimi rw'amarenga buri muni. Mu kwezi kwa Werurwe hagati, njyewe, abanyeshuri banjye hamwe n'abarimu twize isomo ry'iminsi 5 ryatanze na RNUD. Twize neza ururimi rw'amarenga rw'ikinyarwanda kandi twishimira kurukoresha twifashishije umubiri wose n'ahantu hose.

Muri Gicurasi, nasuye ikigo cyigisha imyuga cya Rwabue mpura n'umwe mu banyeshuri b'Umushinga ECOPD. Nyuma y'aho, umuyobozi n'umwarimu utumva bo mu ishuri rya Mutagatifu Gaburiyeli bigishije abanyeshuri bese ibijyanye n'umuco w'abatumva n'ururimi rw'amarenga. Nabonye hari ubumwe mu banyeshuri bwatewe n'ikoreshwa ry'ururimi rw'amarenga. Ni byiza ko habaho imibanire itari hagati y'abatumva gusa, ahubwo ikaba no hagati y'abatumva n'abumva kugirango abatumva barusheho kumvwa. Ndizera ko abanyeshuri batumva bazishimira imibereho yabo kandi bagakorera ahari abantu babumva mu gihe kizaza.

Tuzatangira kuvugaga hakoreshejwe ururimi rw'amarenga?

Japan Overseas Cooperation Volunteers (JOCV) are doing community based activities to develop them.

Umuryango w'Ubufatanye w'abakorera bushake b'abayapani ukora ibikorwa biteza imbere abaturage.